

<p>ITEGEKO N° 039/2021 RYO KU WA 28/07/2021 RIHINDURA ITEGEKO N° 46/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA ITERABWOBA</p>	<p>LAW N° 039/2021 OF 28/07/2021 AMENDING LAW N° 46/2018 OF 13/08/2018 ON COUNTER-TERRORISM</p>	<p>LOI N° 039/2021 DU 28/07/2021 PORTANT MODIFICATION DE LA LOI N° 46/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Ibisobanuro by'amagambo</p>	<p><u>Article One:</u> Definitions</p>	<p><u>Article premier:</u> Définitions</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde</p>	<p><u>Article 2:</u> Dealing in funds or other assets of designated person</p>	<p><u>Article 2:</u> Opération portant sur des fonds ou d'autres actifs d'une personne désignée</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Guha amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde</p>	<p><u>Article 3:</u> Making funds or other assets available to a designated person</p>	<p><u>Article 3:</u> Mettre de fonds ou d'autres actifs à la disposition de la personne désignée</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Komite y'Igihugu ishinzwe Kurwanya Iterabwoba</p>	<p><u>Article 4:</u> National Counter-Terrorism Committee</p>	<p><u>Article 4:</u> Comité national contre le terrorisme</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Gutangaza urutonde rw'abakora iterabwoba n'abaritera inkunga</p>	<p><u>Article 5:</u> Publication of the list of terrorists and terrorism financiers</p>	<p><u>Article 5:</u> Publication de la liste de terroristes et de financiers du terrorisme</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p>	<p><u>Article 6:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</p>	<p><u>Article 6:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</p>	<p><u>Article 7:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 7:</u> Disposition abrogatoire</p>

<p><u>Ingingo ya 8:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 8:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 8:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	---

<p>ITEGEKO N° 039/2021 RYO KU WA 28/07/2021 RIHINDURA ITEGEKO N° 46/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA ITERABWOBA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 2 Nyakanga 2021;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 119, iya 120, iya 122 n’iya 176;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba;</p>	<p>LAW N° 039/2021 OF 28/07/2021 AMENDING LAW N° 46/2018 OF 13/08/2018 ON COUNTER-TERRORISM</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 2 July 2021;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Having reviewed Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter-terrorism;</p>	<p>LOI N° 039/2021 DU 28/07/2021 PORTANT MODIFICATION DE LA LOI N° 46/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT :</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 2 juillet 2021 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 119, 120, 122 et 176 ;</p> <p>Revu la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme ;</p>
---	--	---

<p>YEMEJE:</p> <p><u>Ingingo ya mbere: Ibisobanuro by'amagambo</u></p> <p>Ingingo ya 2 y'Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° ahantu rusange: igice cy'inyubako iyo ari yo yose, icy'ubutaka, inzira cyangwa imihanda, ikirere, inzira zo mu mazi cyangwa igice cy'ahandi hantu gishobora kugerwaho cyangwa rubanda rwemerewe kunyuraho, haba buri gihe, mu bihe bizwi cyangwa rimwe na rimwe, harimo ahantu hose hakorerwa ubucuruzi, ahantu ndangamuco cyangwa ndangamateka, ahakorerwa ibijyanye n'uburezi, ahakorerwa imirimo ijyanye n'imyemerere, imirimo ya Leta, imyidagaduro, aho abantu baruhukira kimwe n'ahandi hameze nk'aho hagerwa n'abantu cyangwa aho bemerewe kugera;</p>	<p>ADOPTS:</p> <p><u>Article One: Definitions</u></p> <p>Article 2 of Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter terrorism is amended as follows:</p> <p>“In this Law, the terms below have the following meanings:</p> <p>1° public place: part of any building, part of land, pathways or roads, airspace, waterway or other location that is accessible or open to members of the public, whether continuously, periodically or occasionally, including a commercial, business, cultural, historical, educational, religious, governmental, entertainment, recreational or similar place that is so accessible or open to the public;</p>	<p>ADOPTE :</p> <p><u>Article premier: Définitions</u></p> <p>L'article 2 de la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme est modifié comme suit :</p> <p>« Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :</p> <p>1° lieu public: partie de tout bâtiment, partie de terrain, voies ou routes, espace aérien, voie navigable ou autre endroit accessible ou ouvert au public, de façon continue, périodique ou occasionnelle, y compris un lieu à usage commercial, d'affaires, à usage culturel, historique, éducatif, religieux, gouvernemental, ludique, récréatif ou autre qui est ainsi accessible ou ouvert au public;</p>
---	--	---

<p>2° amafaranga cyangwa undi mutungo: umutungo uwo ari wo wose, harimo, umutungo w'imari, umutungo ukomoka ku bukungu nk'umutungo kamere; umutungo w'ubwoko bwose, bwaba ubufatika cyangwa ubudafatika, uwimukanwa cyangwa utimukanwa, uko waba warabonetse kose, n'ibyangombwa byemewe n'amategeko cyangwa izindi nyandiko zikoze mu buryo ubwo ari bwo bwose, harimo n'iz'ikorabuhanga, byerekana uburenganzira, cyangwa inyungu muri ayo mafaranga cyangwa indi mitungo, harimo, sheki za banki, inguzanyo za banki, sheki zikoreshwa mu ngendo mu mahanga, inyandiko zitegeka kwishyura, imigabane, inyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari, ingwate, inyandiko mpeshamwenda, inyandiko nyizezabwishyu, inyandiko zifashishwa mu mabanki n'inyungu cyangwa indi mitungo ibikomakaho, n'undi mutungo wose ushobora gukoreshwa mu kubona amafaranga, ibintu cyangwa serivisi;</p>	<p>2° funds or other assets: any assets, including, but not limited to, financial assets, economic resources, including natural resources, property of every kind, whether tangible or intangible, movable or immovable, however acquired, and legal documents or instruments in any form, including electronic or digital, evidencing title to, or interest in, such funds or other assets, including, but not limited to, bank credits, traveler's cheques, bank cheques, money orders, shares, securities, bonds, drafts, or letters of credit, and any interest, dividends or other income on or value accruing from or generated by such funds or other assets, and any other assets which potentially may be used to obtain funds, goods or services;</p>	<p>2° fonds ou autres actifs: tout bien, y compris, de manière non limitative, les actifs financiers, les ressources économiques, y compris les ressources naturelles, les biens de toute nature, corporels ou incorporels, meubles ou immeubles, quel que soit leur mode d'acquisition, ainsi que les actes juridiques ou instruments sous toute forme, y compris électronique ou numérique, attestant la propriété de ces fonds et autres biens ou les droits y relatifs, y compris, de manière non limitative, les crédits bancaires, les chèques de voyage, les chèques bancaires, les mandats, les actions, les valeurs mobilières, les obligations, les traites ou lettres de crédit et les éventuels intérêts, dividendes et autres revenus ou valeurs tirés de tels fonds et autres biens ou générés par ceux-ci ou d'autres biens et tout autre actif pouvant potentiellement être utilisé pour générer des fonds, des biens ou des services ;</p>
<p>3° igikoresho cy'itumanaho koranabuhanga: igikoresho gishobora kubika, kohereza cyangwa kwakira amashusho, amajwi cyangwa</p>	<p>3° electronic communication device: a tool that is capable of storing, transmitting or receiving images, sounds or information by electronic</p>	<p>3° dispositif de communication électronique: outil capable de stocker, transmettre ou recevoir des images, des sons ou des informations</p>

<p>amakuru hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga;</p> <p>4° igikoresho cy'ubutabire gihumanya: igikoresho cy'ubutabire cyose, bitewe n'ibyo gikora ku miterere y'ibinyabuzima, gishobora gutera urupfu, ubumuga bw'igihe gito cyangwa kwangiza ku buryo buhoraho ibinyabuzima;</p> <p>5° igikorwa cy'iterabwoba:</p> <p>a. igikorwa cyose cyagambiriwe kinyuranyije n'amategeko mpanabyaha gishobora kubangamira ubuzima, umutekano, umudendezo, gukomeretsa cyangwa guteza urupfu rw'umuntu uwo ari we wese, umubare runaka cyangwa itsinda ry'abantu cyangwa cyangiza cyangwa gishobora kwangiza umutungo wa Leta cyangwa uw'umuntu ku giti cye, umutungo kamere, ibidukikije cyangwa umurage ndangamuco, cyangwa ndangamateka, gikozwe hagamijwe:</p> <p>i. gukanga, gutera ubwoba, gukoresha ku ngufu, guhatira cyangwa gutera Leta,</p>	<p>means;</p> <p>4° toxic chemical: any chemical product which through its chemical action on life processes can cause death, temporary incapacitation or permanent harm to living beings;</p> <p>5° terrorist act:</p> <p>a. any deliberate act which is a violation of the criminal Laws and which may endanger the life, security, cause injury or death to, any person, any number or group of persons or causes or may cause damage to public or private property, natural resources, environmental or cultural or historical heritage and is intended to:</p> <p>i. intimidate, put in fear, force, coerce or induce any government, body,</p>	<p>par voie électronique;</p> <p>4° produit chimique toxique: tout produit chimique qui, par son action chimique sur des processus biologiques, peut provoquer la mort chez les êtres vivants, une incapacité temporaire ou des dommages permanents;</p> <p>5° acte terroriste:</p> <p>a. tout acte délibéré en violation des lois pénales susceptible de mettre en danger la vie, la sécurité, les libertés d'une personne ou d'un groupe de personnes ou d'entraîner des blessures ou la mort pour eux ou qui occasionne ou peut occasionner des dommages aux biens privés ou publics, aux ressources naturelles, à l'environnement ou au patrimoine culturel ou historique, et commis dans l'intention de:</p> <p>i. intimider, provoquer une situation de terreur, forcer, exercer des pressions ou</p>
--	--	---

<p>umuryango, urwego, abaturage cyangwa icyiciro runaka cyabo gukora cyangwa kudakora igikorwa icyo ari cyo cyose, gufata cyangwa kureka umurongo runaka cyangwa kugendera ku mahame runaka;</p> <p>ii. kubuza imirimo ya Leta igenewe abaturage, itangwa rya serivisi za ngombwa ku baturage gukomeza uko bisanzwe cyangwa guteza imidugararo;</p> <p>iii. guteza ubwigomeke ku butegetsi mu gihugu;</p> <p>b. igikorwa cyose cyo guteza imbere, gutera inkunga, guha ubufasha, kuyobora, gufasha, koshya, kwigisha, gutoza, kugerageza, gushishikariza, gukangisha, kugambana, gutegura cyangwa gutanga ibikoreshwa, gikozwe n'umuntu uwo ari we wese hagamijwe gukora icyo ari cyo cyose mu bivugwa mu gace ka a.</p>	<p>institution, the general public or any segment thereof, to do or abstain from doing any act or to adopt or abandon a particular standpoint or to act according to certain principles;</p> <p>ii. disrupt any public service, the delivery of any essential service to the public or to create a public emergency;</p> <p>iii. create general insurrection in a State;</p> <p>b. any promotion, sponsoring, contribution to, command, aid, incitement, teaching, training, attempt, encouragement, threat, conspiracy, organizing or procurement, of any person, with the intent to commit any act referred to under item a.</p>	<p>amener tout gouvernement, organisme, institution, population ou groupe de celle-ci, d'engager toute initiative ou d'en abstenir, d'adopter, de renoncer à une position particulière ou d'agir selon certains principes;</p> <p>ii. perturber le fonctionnement normal des services publics, la prestation de services essentiels aux populations ou de créer une situation de crise au sein des populations;</p> <p>iii. créer une insurrection générale dans un État;</p> <p>b. toute promotion, financement, contribution, ordre, aide, incitation, entraînement, formation, tentative, encouragement, menace, conspiration, organisation ou équipement de toute personne avec l'intention de commettre tout acte visé au point a.</p>
--	--	---

<p>6° ikintu giturika:</p> <p>a. intwaro ishobora guturika, kudaturika cyangwa guteza inkongi kandi ikoze ku buryo yateza urupfu cyangwa ishobora gutera urupfu, gukomeretsa umubiri ku buryo bukabije cyangwa kwangiza ibintu iyo iturikijwe;</p> <p>b. intwaro cyangwa ikindi gikoresho gikoze ku buryo gishobora gutera urupfu, gukomeretsa umubiri ku buryo bukabije cyangwa kwangiza ibintu iyo iturikijwe, biturutse ku kohereza, gukwirakwiza kugerwaho n'ibikoresho by'ubutabire bihumanya; ibikoresho bihumanya bikomoka ku binyabuzima, uburozi cyangwa ibindi bikoresho bikora nka bwo, imirasire cyangwa ibindi bintu bivubura imirasire.</p>	<p>6° explosive device:</p> <p>a. explosive, non-explosive or incendiary weapon that is designed or has the capability to cause death, serious bodily injury or material damage when detonated;</p> <p>b. weapon or device that is designed or has the capability to cause death, serious bodily injury or material damage through the release, dissemination or impact of toxic chemicals, biological agents, toxins or similar substances or radiation or radioactive material.</p>	<p>6° engin explosif:</p> <p>a. arme explosive, non-explosive ou incendiaire qui est conçu pour provoquer la mort, des dommages corporels graves ou d'importants dégâts matériels lorsqu'elle explose;</p> <p>b. arme ou engin qui est conçu pour provoquer la mort, des dommages corporels graves ou dégâts matériels, ou qui en a la capacité, par l'émission, la dissémination ou l'impact de produits chimiques toxiques, d'agents biologiques, de toxines ou de substances analogues, ou de rayonnements ou de matières radioactives.</p>
<p>7° ikinyabiziga gikoresha moteri: ikintu cyose kigenewe gutwara abantu n'ibintu gikoresha moteri;</p>	<p>7° motor vehicle: any device designed for transporting persons and goods and which uses an engine;</p>	<p>7° véhicule à moteur: tout engin affecté au transport de personnes et de biens et qui est doté d'un moteur;</p>
<p>8° imikoranire: kwakira, kubona, gucuruza, guhagararira, guhisha, kwikuraho, guhindura, guhererekanya cyangwa kwimura, gukoresha</p>	<p>8° dealing: receiving, acquiring, transacting, representing, concealing, disposing, converting, moving or transferring, using as security or</p>	<p>8° opération : réception, acquisition, transaction, représentation, dissimulation, disposition, conversion, déplacement ou transfert,</p>

<p>nk'ingwate cyangwa gutanga serivisi z'imari;</p> <p>9° intwaro ya kirimbuzi: intwaro ifite imbaraga zo gusenya zikomoka ku ngufu za kirimbuzi;</p> <p>10° intwaro z'uburozi: ibintu bikurikira, biri hamwe cyangwa bitandukanye:</p> <p>a. ibikoresho by'ubutabire bihumanya n'ibyo biturukaho, uretse ibigenewe gukoreshwa mu buryo butabujijwe n'Amasezerano aca itegurwa, ikorwa, ihunikwa n'ikoreshwa ry'intwaro z'uburozi akanagena isenywa ryazo, igihe cyose ubwoko n'ingano by'ibikoreshejwe bihuje intego n'icyari kigamijwe kugerwaho;</p> <p>b. amasasu n'ibindi bikoresho byakorewe by'umwihariko kwica cyangwa kwangiza bikoresheje ihumanya ritewe n'ibikoresho by'uburozi bisobanurwa mu gace ka a, byakwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ayo masasu n'ibyo bikoresho;</p> <p>c. igikoresho cyose cyakozwe</p>	<p>providing financial services;</p> <p>9° nuclear weapon: weapon whose destructive power comes from a nuclear energy;</p> <p>10° chemical weapons: the following elements, together or separately:</p> <p>a. toxic chemicals and their precursors, except where intended for purposes not prohibited under the Convention on the prohibition of the development, production, stockpiling and use of chemical weapons and on their destruction, as long as the types and quantities are consistent with such purposes;</p> <p>b. munitions and devices, specifically designed to cause death or other harm through the toxic properties of those toxic chemicals specified in sub-item a, which would be released as a result of the employment of such munitions and devices;</p> <p>c. any equipment specifically designed</p>	<p>utilisation comme garantie ou fourniture de services financiers ;</p> <p>9° arme nucléaire: arme dont le pouvoir destructeur provient d'une énergie nucléaire;</p> <p>10° armes chimiques: les éléments suivants, ensemble ou séparément:</p> <p>a. produits chimiques toxiques et leurs précurseurs, à l'exception de ceux qui sont destinés à des fins non interdites par la Convention sur l'interdiction de la mise au point, de la fabrication, du stockage et de l'emploi des armes chimiques et sur leur destruction, aussi longtemps que les types et quantités en jeu sont compatibles avec de telles fins ;</p> <p>b. munitions et dispositifs spécifiquement conçus pour provoquer la mort ou d'autres dommages par l'action toxique des produits chimiques toxiques définis au sous-point a, qui seraient libérés du fait de l'emploi de ces munitions et dispositifs ;</p> <p>c. tout matériel spécifiquement conçu</p>
--	--	---

<p>kugira ngo cyifashishwe mu bijyanye no gukoresha amasasu n'ibindi bikoresho bisobanurwa mu gace ka b);</p> <p>11° umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga:</p> <p>a. Umukuru w'igihugu, umwe mu bagize urwego rukora imirimo y'umukuru w'igihugu cyangwa undi muyobozi wese wemererwa gukora imirimo y'umukuru w'igihugu hakurikijwe itegeko nshinga ry'igihugu bireba, Umukuru wa Guverinoma cyangwa Minisitiri w'ububanyi n'amahanga, igihe cyose uwo umuntu ari mu mahanga, kimwe n'ugize umuryango we umuherekeza;</p> <p>b. umuntu wese uhagarariye Leta cyangwa umukozi wayo cyangwa umukozi uwo ari we wese cyangwa undi mukozi w'umuryango mpuzamahanga w'imiterere ihuriweho na guverinoma, mu gihe n'aho icyaha kimukoreweho, gikorewe aho akorera, ku icumbi rye bwite cyangwa ku buryo bw'urugendo yakoresha, afite</p>	<p>for use directly in connection with the employment of munitions and devices specified in sub-item b;</p> <p>11° internationally protected person:</p> <p>a. a Head of State, including any member of a collegial body performing or any other official authorized to perform the functions of a Head of State under the Constitution of the State concerned, a Head of Government or a Minister for Foreign Affairs, whenever any such person is in a foreign State, as well as members of his family who accompany him or her;</p> <p>b. any representative or official of a State or any official or other agent of an international organization of an intergovernmental character who, at the time when and in the place where a crime against him, his official premises, his private accommodation or his means of transport is committed, is entitled pursuant to international Law to special protection from any attack on his or</p>	<p>pour être utilisé en liaison directe avec l'emploi des munitions et dispositifs définis au sous-point b.</p> <p>11° personne jouissant d'une protection internationale:</p> <p>a. Chef d'État, y compris tout membre d'un organe collégial remplissant ou tout autre officiel autorisé à remplir les fonctions de Chef d'État conformément à la Constitution de de l'État en cause, un chef de gouvernement ou un ministre des Affaires étrangères, chaque fois qu'une telle personne se trouve dans un État étranger, ainsi que les membres de sa famille qui l'accompagnent ;</p> <p>b. tout représentant ou fonctionnaire d'un État ou tout fonctionnaire ou agent d'une organisation internationale à caractère intergouvernemental, qui, à la date et au lieu où l'infraction est commise contre sa personne, ses locaux officiels, son domicile privé ou ses moyens de transport, a droit en vertu du droit international, à une protection spéciale contre toute</p>
--	--	---

<p>uburenganzira hashingiwe ku mategeko mpuzamahanga kurindwa mu buryo bwihariye kugabwaho igitero icyo ari cyo cyose cyamwibasira, cyakwibasira umudendezo we cyangwa icyubahiro cye, ndetse n'abagize umuryango we babana na we mu rugo rwe;</p> <p>12° umunyamaguru: umuntu ugenda n'amaguru cyangwa akoresheje ubundi buryo bwose butari ikinyabiziga gikoresha moteri;</p> <p>13° umutwe w'iterabwoba: abantu bagize umutwe wubatswe bakorera hamwe kandi bagamije gukora ibikorwa by'iterabwoba;</p> <p>14° urwandiko rw'inzira: pasiporo, ikarita iranga umuntu, itike cyangwa urundi rwandiko rwemerera umuntu gukora urugendo ava ahantu hazwi agiye ahandi;</p> <p>15° umutungo ukomoka ku bukungu: umutungo w'ubwoko bwose, waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa, ibintu bifatika cyangwa bidafatika, ibiriho cyangwa ibishobora kubaho, bitari amafaranga kandi bishobora</p>	<p>her person, freedom or dignity, as well as members of his or her family forming part of his or her household;</p> <p>12° pedestrian: person traveling on foot or using any means other than a motor vehicle;</p> <p>13° terrorist group: a structured group of persons acting in concert and with intent to commit terrorist acts;</p> <p>14° travel document: passport, identification card, ticket or other document that permits a person to make a journey from a specified area to another;</p> <p>15° economic resources: assets of every kind, whether movable or immovable, tangible or intangible, actual or potential, which are not funds and which may be used to obtain funds, goods or services;</p>	<p>atteinte à sa personne, sa liberté ou sa dignité ainsi que des membres de sa famille faisant partie de son ménage ;</p> <p>12° piéton: personne se déplaçant à pied ou utilisant tout moyen autre qu'un véhicule à moteur ;</p> <p>13° groupe terroriste: groupe structuré de personnes agissant de concert et avec l'intention de commettre des actes terroristes;</p> <p>14° document de voyage: passeport, carte d'identité, billet ou autre document qui permet à une personne d'effectuer un voyage d'un endroit donné à un autre;</p> <p>15° ressources économiques: avoirs de toute nature, mobiliers ou immobiliers, corporels ou incorporels, réels ou potentiels, qui ne sont pas des fonds mais peuvent être utilisés pour obtenir des fonds, des biens ou des</p>
---	---	--

<p>gukoreshwa kugira ngo haboneke amafaranga, ibicuruzwa cyangwa serivisi;</p> <p>16° umuntu: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi;</p> <p>17° urutonde: urutonde rw'abakekwaho iterabwoba cyangwa gutera inkunga iterabwoba rushyirwaho n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano cyangwa rushyirwaho n'igihugu, hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>18° uwashyizwe ku rutonde: umuntu, itsinda, isosiyete n'ikigo byashyizwe ku rutonde rw'abakora iterabwoba n'abaritera inkunga hakurikijwe amategeko y'imbere mu gihugu cyangwa imyanzuro y'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano yemejwe mu mutwe wa VII w'amasezerano agenga Umuryango w'Abibumbye;</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde</p> <p>Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018</p>	<p>16° person: any natural or legal person;</p> <p>17° list: a list of suspected terrorists and terrorism financiers established by the United Nations Security Council or by a country in accordance with relevant Laws;</p> <p>18° designated person: a person, a group, a company and an entity that are placed on the list of terrorists and terrorism financiers pursuant to relevant domestic Laws or the United Nations Security Council Resolutions adopted under Chapter VII of the United Nations Charter.</p> <p><u>Article 2:</u> Dealing in funds or other assets of designated person</p> <p>An Article 32 <i>bis</i>, worded as follows, is</p>	<p>services;</p> <p>16° personne: toute personne physique ou morale ;</p> <p>17° liste : liste de personnes soupçonnées de terrorisme et de financement du terrorisme établie par le Conseil de sécurité des Nations unies ou par un pays conformément aux lois en la matière ;</p> <p>18° personne désignée: personne, groupe, société et entité qui sont mis sur la liste de terroristes et de financiers du terrorisme conformément à la législation interne ou aux résolutions du Conseil de sécurité des Nations unies adoptées en vertu du Chapitre VII de la Charte des Nations unies.</p> <p><u>Article 2:</u> Opération portant sur des fonds ou d'autres actifs d'une personne désignée</p> <p>Dans la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018</p>
--	--	---

<p>ryerekeye kurwanya iterabwoba ryongewemo ingingo ya 32 bis iteye ku buryo bukurikira:</p> <p>“Ingingo ya 32 bis: Gukoresha amafaranga cyangwa undi mutungo w’umuntu washyizwe ku rutonde</p> <p>Umuntu wese, abizi cyangwa bishoboka ko abimenya, ukoresha:</p> <p>1° amafaranga cyangwa undi mutungo uwo ariwo wose utunzwe cyangwa ugenzurwa n’uwashyizwe ku rutonde;</p> <p>2° amafaranga cyangwa undi mutungo uwo ariwo wose bifatanyijwe cyangwa bigenzurwa, mu buryo bwuzuye, cyangwa butuzuye, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, n’uwashyizwe ku rutonde;</p> <p>3° amafaranga cyangwa undi mutungo uwo ariwo wose ukomoka cyangwa wabyawe n’umutungo utunzwe cyangwa ugenzurwa, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, n’uwashyizwe ku rutonde;</p>	<p>inserted into Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter terrorism:</p> <p>“Article 32 bis: Dealing in funds or other assets of a designated person</p> <p>A person who, knowingly or is likely to know, deals in:</p> <p>1° any funds or other assets that are owned or controlled by the designated person;</p> <p>2° any funds or any other assets that are wholly, partly or jointly owned or controlled, directly or indirectly, by the designated person;</p> <p>3° any funds or any other assets derived or generated from funds or other assets owned or controlled, directly or indirectly, by the designated person;</p>	<p>relative à la lutte contre le terrorisme, il est inséré un article 32 bis libellé comme suit :</p> <p>« Article 32 bis: Opération portant sur des fonds ou d’autres actifs d’une personne désignée</p> <p>Une personne qui, sciemment ou est susceptible de le savoir, effectue une opération portant sur :</p> <p>1° tous les fonds ou autres actifs possédés ou contrôlés par la personne désignée;</p> <p>2° tous les fonds ou autres actifs possédés ou contrôlés intégralement ou conjointement, directement ou indirectement, par la personnes désignée;</p> <p>3° tous les fonds ou autres actifs provenant ou résultant des fonds ou autres actifs possédés ou contrôlés, directement ou indirectement, par la personne désignée;</p>
--	---	---

<p>4° amafaranga cyangwa undi mutungo by'umuntu ukora mu izina, cyangwa uyobowe n'uwashyizwe ku rutonde;</p> <p>aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo Urukiko rumuhamije kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarengeje imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga atari muni ya miliyoni eshatu z'amafaranga y' Rwanda (3.000.000 FRW) ariko atarenga miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 FRW).”</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Guha amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde</p> <p>Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba ryongewemo ingingo ya 32 <i>ter</i> iteye ku buryo bukurikira:</p> <p>“<u>Ingingo ya 32 ter:</u> Guha amafaranga cyangwa undi mutungo umuntu washyizwe ku rutonde</p> <p>Umuntu wese, abizi cyangwa bishoboka ko</p>	<p>4° funds or other assets of a person acting on behalf of, or at the direction of, the designated person;</p> <p>commits an offence.</p> <p>Upon conviction of one of the acts provided for under Paragraph One of this Article, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years, but not exceeding five (5) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000), but not exceeding five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).”</p> <p><u>Article 3:</u> Making funds or other assets available to a designated person</p> <p>An Article 32 <i>ter</i>, worded as follows, is inserted into Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter terrorism:</p> <p>“<u>Article 32 ter:</u> Making funds or other assets available to a designated person</p> <p>A person who, knowingly or is likely to</p>	<p>4° les fonds ou autres actifs d'une personne agissant au nom ou sur instruction d'une personne désignée;</p> <p>commet une infraction.</p> <p>Lorsqu'elle est reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais ne dépassant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ».</p> <p><u>Article 3:</u> Mettre de fonds ou d'autres actifs à la disposition de la personne désignée</p> <p>Dans la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme, il est inséré un article 32 <i>ter</i> libellé comme suit :</p> <p>« <u>Article 32 ter:</u> Mettre de fonds ou d'autres actifs à la disposition de la personne désignée</p> <p>Une personne qui, sciemment ou est</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 30/07/2021

<p>abimenya, utanga amafaranga cyangwa undi mutungo, imari cyangwa indi serivisi ijyanye na byo, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, waba umutungo wose cyangwa igice cyawo, yabikorera umwe mu bantu bakurikira cyangwa mu nyungu ze:</p> <p>1° uwashyizwe ku rutonde;</p> <p>2° ikigo gikora mu izina, cyangwa ku mabwiriza, y’uwashyizwe ku rutonde;</p> <p>3° ikigo cy’uwashyizwe ku rutonde kigenzurwa na we mu buryo buziguye cyangwa butaziguye;</p> <p>aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo Urukiko rumuhamije kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, ahanishwa igihano cy’igifungo kitari muni y’imyaka itatu (3) ariko kitarengaje imyaka itanu (5) n’ihazabu y’amafaranga atari muni ya miliyoni eshatu z’amafaranga y’ Rwanda (3.000.000 FRW) ariko atarenga miliyoni eshanu z’amafaranga y’u Rwanda (5.000.000 FRW).”</p>	<p>know, make any funds or other assets or economic resources, financial or any other related service available, directly or indirectly, or wholly or partially, to or for the benefit of:</p> <p>1° a designated person;</p> <p>2° an entity acting on behalf, or at the direction, of a designated person;</p> <p>3° an entity owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person;</p> <p>commits an offence.</p> <p>Upon conviction of any of the acts provided for under Paragraph One of this Article, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years, but not exceeding five (5) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000), but not exceeding five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).”</p>	<p>susceptible de le savoir, met, directement ou indirectement ou en tout ou en partie, des fonds ou autres actifs ou ressources économiques, des services financiers ou autre service connexe à la disposition ou au profit de :</p> <p>1° une personne désignée;</p> <p>2° une partie agissant au nom ou sur instruction d’une personne désignée;</p> <p>3° une entité détenue ou contrôlée, directement ou indirectement, par une personne désignée;</p> <p>commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’elle est reconnue coupable de l’un des actes visés à l’alinéa premier du présent article, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins trois (3) ans mais ne dépassant pas cinq (5) ans et d’une amende d’au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ».</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 4: Komite y'Igihugu ishinzwe Kurwanya Iterabwoba</u></p> <p>Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba ryongewemo ingingo ya 40 bis iteye ku buryo bukurikira:</p> <p>“<u>Ingingo ya 40 bis: Komite y'Igihugu ishinzwe Kurwanya Iterabwoba</u></p> <p>Hashyizweho Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba. Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena abayigize, imiterere, imikorere, inshingano n'ububasha byayo.”</p> <p><u>Ingingo ya 5: Gutangaza urutonde rw'abakora iterabwoba n'abaritera inkunga</u></p> <p>Ingingo ya 41 y'itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba ivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 4: National Counter-Terrorism Committee</u></p> <p>An Article 40 <i>bis</i>, worded as follows, is inserted into Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter-terrorism:</p> <p>“<u>Article 40 bis: National Counter-Terrorism Committee</u></p> <p>There is hereby established a National Counter-Terrorism Committee. A Prime Minister's Order determines its composition, organization, functioning, responsibilities and powers.”</p> <p><u>Article 5: Publication of the list of terrorists and terrorism financiers</u></p> <p>Article 41 of Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter-terrorism is repealed.</p> <p><u>Article 6: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 4: Comité national contre le terrorisme</u></p> <p>Dans la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme, il est inséré un article 40 <i>bis</i> libellé comme suit :</p> <p>« <u>Article 40 bis: Comité national contre le terrorisme</u></p> <p>Il est créé un Comité national contre le terrorisme. Un arrêté du Premier Ministre détermine sa composition, son organisation, son fonctionnement, ses attributions et ses pouvoirs ».</p> <p><u>Article 5: Publication de la liste de terroristes et de financiers du terrorisme</u></p> <p>L'article 41 de la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme est abrogé.</p> <p><u>Article 6: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p><u>Article 7: Repealing provision</u></p> <p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p><u>Article 7: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 8: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 8 : Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 28/07/2021

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

BUSINGYE Jonhson
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux